# Umugabo umwe yabajijje Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ati: Ni ubuhe buyisilamu bwiza? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Jya usangira ibyo kurya n'abandi, usuhuze indamutso y'amahoro uwo uzi n'uwo utazi

Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Amri (Imana imwishimire we na se) yavuze ko: Umugabo umwe yabajijje Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ati: Ni ubuhe buyisilamu bwiza? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Jya usangira ibyo kurya n'abandi, usuhuze indamutso y'amahoro uwo uzi n'uwo utazi.

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarabajijwe iti: Ni iyihe mico myiza mu buyisilamu kuruta indi? Nuko ivuga ibintu bibiri: Icya mbere: Ni ukugaburira abacyene, haninjiramo gutanga amaturo, cyangwa se impano, cyangwa se amazimano igihe bagusuye, cyangwa se kwakira abantu igihe wakoze ubukwe. By'umwihariko kugaburira abantu biba byiza cyane mu bihe by'amapfa n'inzara n'ibiciro by'ibiribwa bihenze. Icya kabiri: Kwifuriza indamutso y'amahoro buri muyisilamu waba uzi cyangwa se utazi.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/5808

النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee